# 280: Imins' irahita vuba

1.

Imins' irahita vuba, Irahita yihuta. Ukw ihita, benshi bapfa Batameny’ Umukiza. Hari twakora :Tugikoran' umwete : Dutabar' ubu vuba, Imins' itarashira.

Ref:

Irashira, irashira ! Dor' iminsi irashira! Dutabar' ubu twese, Twe gukererwa
dutyo!

2.

None, bib' imbuto nziza mu mitima y'abantu; hagura n'amarira y
'abanyamibabaro.
Renger' abapfakazi,Kand' ubyuts' abaguye, Uhumure n'impumyi,Ibiseb' ubivure.

3.

Iby' uzabishobor' ute ? Ntibizakunanira, ib' ufit' Umwuka Wera N'urukundo
rw'Imana:
ibiduh' itimanye,Tubishatse byukuri. Tuyisengan' umwete, Dukor'
iby'imbabazi.

4.

Icy' Umwami Yes' ashaka N' ukugendana natwe, Ngo yikiriz' abarushye
Bamutey' umugongo. Kandi yaravuz' ati:Uzanyizera wese Azabwir' irimisozi Ngo nitabwe mu nyanja.

5.

We gutiny' ibir' imbere : Yes' azagushoboza. Umuh' umutima wawe, Awutegeke rwose ! Isi yubahe Yesu ! Yadutsindiy' urupfu N'abadayimoni bose. Ubu ni We dufite.

6.

Sigaho kwizera guke :Na wa wundi yakizwa ! Wibuke ko Paulo na we Yar' umwanzi w'ibyiza; Yamufash' atunguwe,Yemera gukizw' ubwo, Ab' intumwa ya Yesu, Yamamaz' ubuntu bwe.

7.

Tyo n'ubu, mugende mwese, Muri kumwe na Yesu; Mubamwerek; abakize, Bos' abazabyemera. Kandi mwe gucogora Cyangwa se kunanirwa, Mutarabasohoza Ku Mukiz' ubifuza.

Visit us at indirimbo.com